IBIRORI BY'ITANGWA RY'UBWEPISKOPI

Kuri uyu wa gatandatu tariki 21/05/2016, muri Diyosezi ya Nyundo habaye ibirori bikomeye by'itangwa ry'Isakaramentu ry'Ubwepiskopi ryahawe Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, wari watowe tariki 11/03/2016

n’Umushumba wa Kiliziya Gatolika ngo abe Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo, asimbura Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE ugiye mu kiruhuko cy’iza bukuru.

Abitagiriye uwo munsi mukuru barimo abepiskopi baturutse mu Rwanda, Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo, Uburundi n’Umwepiskopi wa Diyosezi ya Hassert mu gihugu cy’Ububiligi, hari kandi abasaseridoti baturutse hirya no hino mu madiyosezi agize u Rwanda ndetse n’abaturutse mu bindi bihugu ; abihayimana, abayobozi bo mu nzego bwite za Leta barimo Ministiri w’Intebe wanaje ahagarariye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y’U Rwanda, abaministiri, abagize Inteko ishinga amategeko mu mutwe wa Sena n’Abadepite, umuyobozi w’Intara y’iburengerazuba, abayobozi b’uturere, abahagarariye amadini atandukanye n’imbaga y’abakristu bari baturutse muri za paruwasi zose zigize Diyosezi ya Nyundo.

Ibyo birori byabimburiwe n’Igitambo cya Misa Yatuwe na Musenyeri Alexis HABIYAMBERE ari nawe wayoboye uwo muhango w’itangwa ry’Ubwepiskopi. Mu ntangiriro z’Igitambo cya Misa, Musenyeri Luciano Russo, Intumwa ya Papa mu Rwanda yagejeje kubari aho indamukanyo ya Nyirubutungane Papa Francisko. Yavuze ko uyu munsi ari ingirakamaro kuri Diyosezi ya Nyundo kuko aribwo

umweriskopi mushya aza guhabwa Inkoni y'Ubushumba ; Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Papa akaba yaramutoreye kuyobora Diyosezi ya Nyundo ngo asimbure Musenyeri Alexis HABIYAMBERE.

Mu ibaruwa yanditse yemerera Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Papa aravuga ko yasanze afite ukwemera, ubuhanga, ubumuntu n'indi migenzo myiza. Musenyeri Luciano Russo akaba asaba Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA kutagira ubwoba ahubwo arasabwa gukurikiza urugero rwa Kristu we witangiye intama ze bityo na we arasabwa kwitangira imbaga y'abakristu ashinzwe kuyobora. Ibyo bikaba bisaba ubwitange n'urukundo ; yamusabye kandi kwita ku bapadiri abihayimana, abakateshiste n'abakristu muri rusange muri byose akazakora ku buryo ubwepiskopi ahawe bwakubakira k'urukundo rw'Imana ibyo bikajyana n'isengesho ndetse no kuvoma imbaraga mu Gitambo cy'Ukaristiya. Aramushimira cyane kandi amwifuriza kuzagira ubutumwa bwiza. Arashimira kandi Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere imyaka 19 amaze ayobora Diyosezi ya Nyundo yitangira ubutumwa ku buryo bugaragara.

Mu ijambo rye, Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Burare akaba anakuriye inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, arashimira Imana kuko mu bushishozi bwayo yitoreye Musenyeri Anaclet Mwumvaneza ngo abe umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Arashimira Papa Francisko Imana yanyuzeho ngo itore Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA akanamushimira kandi ukuntu ahoza u Rwanda ku mutima. Yanashimiye nyakubahwa Ministiri w'Intebe waje uhagarariye nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Arasaba musenyeri mushya ko asabwa gukomeza abavandimwe mu kwemera akanaba umugabuzi w'ibyiza by'Imana, yamusabye kandi gukomeza kwita ku batagira kivurira nk'uko byari n'inshingano ze nk'umunyamabanga mukuru wa Caritas Rwanda. Arashimira Musenyeri Alexis uko yayoboye Diyosezi neza akayifasha guca mu bibazo bikomeye, aramushimira ukwihangana yagize ndetse n'uko yayoboye inama y'abepiskopi mu Rwanda.

Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Gervais BANSHIMIYUBUSA, Umushumba wa Diyosezi ya Ngozi akaba n'umuyobozi w'inama y'abepiskopi Gatolika y'u Burundi, aragaragaza ubufatanye Kiliziya y'Uburundi ifitanye na Kiliziya y'u Rwanda mu byishimo no mu makuba, ni nayo mpamvu bahagurutse ari benshi ndetse n'abasigaye bakaba babazirikana ku mutima. Yashimiye ubwitange n'umurava waranze Musenyeri Alexis asoza ijambo rye yifuriza Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet Mwumvaneza kuzagira ubutumwa bwiza.

Mu ijambo yavuze, nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE arashimira abaje guhimbaza uyu munsi bikaba biheruka tariki 22/03/1997 ubwo yahabwaga

inkoni y’ubushumba. Arashimira Ministiri w’Intebe waje ahagarariye nyakubahwa Perezida wa Repubulika anamutuma kumubwira ko abakristu ba Diyosezi ya Nyundo bishimiye ko abahoza ku mutima, yamutumye kandi kumushimira uko yitangira abanyarwanda akabayoborana ubuhanga n’ubushishozi aharanira ko buri wese yajya mbere kandi agatega biri muntu amatwi. Arashimira abantu bose baje bitabiriye ibirori. Arashimira abapadiri bafatanyije mu butumwa ndetse n’imiryango y’abihayimana, akabashimira ubwitange bagira mu iyogezabutumwa.

Arahumuriza Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA amubwira ko abakristu ba Diyosezi ya Nyundo bumva bityo bakaba abariyemeje guteza imbere paruwasi zabo. Yamusabye kuzakomeza kwita ku rubyiruko, amatsinda y’abana, kwegera abakristu no gukomera ku Mubyeyi Bikira Mariya Umubyeyi w’abakene, Umurinzi wa Diyosezi ya Nyundo.

Uhagarariye umuryango yabwiye abari aho ko Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yatojwe imigenzo myiza akiri muto akaba ari na yo mpamvu arangwa n’ishyaka, kugira impuhwe, umurava ; ariko akaba ntacyo yakwigezaho aramutse atabonye abamufasha ni yo mpamvu yasabye abapadiri, abihayimana n’abakristu ba Diyosezi ya Nyundo kuzamuba hafi bagafatanya kubaka Ingoma y’Imana. Yavuze ko umuryango umuhaye impano y’akabando kazajya kamufasha kugera ku ntama ashinzwe.

Abagiye bagira icyo bavuga bose barimo Musenyeri wa Diyosezi ya Hassert mu gihugu cy’Ububiligi, Maire wa komini yo mu bubiligi n’uhagarariye Musenyeri Théophile Kaboy wa Diyosezi ya Goma bashimangiye umubano mwiza bafitanye na Diyosezi ya Nyundo, umubano uturuka kuri Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI n’Abashumba bayoboraga aho muri icyo gihe, basabye Umushumba mushya wa Diyosezi ya Nyundo kuzawukomeza.

Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, umwepiskopi mushya wa Diyosezi ya Nyundo, arashimira abitabiriye ibi birori. Arashimira Imana yamutoye, ababyeyi bamutoje inzira y'ubukristu akiri uruhinja, abamufashije bose mu mashuri yose yize, agashimira Abapadiri ba Arikidiyosezi ya Kigali n'Umushumba wayo, Arashimira Musenyeri Alexis Habiyambere ubwitange yagize. Abo bose abatuye Ubwepiskopi bwe. Yavuze ko azakomeza umurongo w'iyogezabutumwa wa Musenyeri Alexis HABIYAMBERE mu butumwa bwe akomereza aho yari agejeje, kandi yasabye ko Umwepiskopi ucyuye igihe wa Diyosezi ya Nyundo, abakristu bajya bamwita « umubyeyi wa Diyosezi ya Nyundo ». Yaboneyeho umwanya wo kugira icyo atangaza ku ntego ye « **MISERICORDES SICUT PATER**" Ivuga ngo: Nimube abanyampuhwe nka So uri mu Ijuru (Lc 6, 36) ; asobanura impamvu zatumye ari yo afata :

1. Yatorewe kuba Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo turi mu mwaka w'Impuhwe
2. Iyo asubije inyuma amaso akareba mu mateka ye ayabonamo impuhwe za Nyagasani

3. Yatorewe kuba Umushumba wa Diyosezi yari asanzwe ari Umunyamabanga mukuru wa Caritas y'U Rwanda, kandi Caritas ikaba ifite inshingano zo kugira impuhwe.
4. Atorewe kuba Umushumba wa Diyosezi ari mu mwaka wa Yubile y'imyaka 25 y'Ubusaseridoti.

Naho ibimenyetso biri mu rwibutso rwe :

1. **Amazi** : Ni uko Diyosezi ya Nyundo ifite igice kinini gikora ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu
2. **Inuma itwaye ishami** : ishushanya amahoro tugomba kwifurizanya
3. **Inkongoro, umutini, ingano**: ishushanya Igitambo cy'Ukaristiya tuvomamo Impuhwe z'Imana
4. **Ifi**: ishushanya Impuhwe Yezu yagiriye abantu kuko n'igihe agaburra abantu ibihumbi bitanu yokesheje ifi
5. **Umusaraba**: ushushanya ikuzo ryacu kandi ntutana n'Impuhwe za Nyagasani.

Mu mpanuro yagejeje kubari bateraniye aho, Nyakubahwa Ministiri w'Intebe wari unahagarariye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda muri ibyo birori, arashimira Nyiricyubahiro musenyeri Alexis HABIYAMBERE n'abakristu ba

Diyosezi ya Nyundo bamutumiye muri ibyo birori; yasabye bose ko iyo ntego ya Musenyeri mushya yo kuba abanyampuhwe bayigira iyabo kandi nk'uko intego ya Diyosezi ya Nyundo ibivuga; Urukundo rugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, Twarabyiyemeje; buri wese iyo ntego ayigize iye, icyo gihe twagera ku byiza byose by'iterambere.

Umwepiskopi mushya atanga umugisha

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA